REPUBULIKA Y'U RWANDA
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# ITANGAZO RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda bose ko irimo gutegura amatora y'Abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali azaba tariki ya **17 Kanama 2019**. Muri urwo rwego Komisiyo izatangira kwakira kandidatire z'abifuza kujya mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali guhera tariki ya **07 kugeza ku ya 09/08/ 2019**.

Abifuza gutanga kandidatire bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari Umunyarwanda;
- Kuba atazitiwe n'imiziro iteganywa n'itegeko.

**Ibyangombwa biherekeza kandidatire ni ibikurikira**

1) Ibaruwa itanga kandidatire inagaragaza amazina ye yose ahwanye n'ari mu ikarita ndangamuntu ye;
2) Umwirondoro we (CV) atibagiwemo umurimo akora, aho yavukiye, itariki y'amavuko n'aho atuye;
3) icyemezo cy'amavuko kitarengeje amezi atatu (3);
4) amafoto abiri (2) magufi y'amabara;
5) fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;
6) icyemezo kigaragaza ko umuntu atafunzwe cyangwa yafunzwe n'icyo yafungiwe, kitarengeje amezi atandatu (6);
7) kopi y'impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi iriho umukono wa noteri;
8) inyandiko ye yashyizeho umukono yemeza ko inyandiko yatanze zihuje n'ukuri.

Kandidatire zakiririrwa ku biro by'Umuhuzabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora biri mu Karere k'Umujyi wa Kigali utanga kandidatire yiyamamarizamo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 06 /08 /2019



**Prof. KALISA MBANDA,** Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.